**REPUBLIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 2, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA KABIRI MUTARAMA (11-20) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 22 Mutarama, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Mutarama 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nke cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe k'imyaka myinshi. Imvura nyinshi iruta isanzwe igwa yabonetse ku bupimiro bwa Busogo, Bugarama, Rubengera ndetse no ku bupimiro bwa Kawangire. Ahapimwe imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Busogo hapimwe milimetero 77.8 naho Rubengera hapimwa milimetero 63.8 ndetse na Kawangire hapimwe milimetero 49.9. Mu ntara y'Amajyepfo, Uburengerazuba n'Amajyaruguru niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.


Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane nubwo bwiyongereye ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi 30.9(°C ) mu Bugarama na 22.2°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 19.4°C ku bupimiro bwa Bugarama na 12.0°C ku bupimiro bwa Busogo.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Mutarama 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye

Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya kabiri cya Mutarama 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 77.8 na milimetero 0.1. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Busogo (77.8mm);. ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 0.1, ku bupimiro bw'ikibuga cy'Indege cya Kigali (6.6),. ndetse no ku bupimiro bwa Rubavu (9.2), ahandi haguye imvura iringaniye iri hejuru ya milimetero 10.





*Ikarita1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Mutarama

Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Mutarama.

Ubusanzwe iki gice cya Mutarama kigusha imvura iri hagati ya milimetero 44.6 na 11.8; bigaragara ko ugereranyije n'imvura ya guye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nke cyane muri iki gice cya kabiri, Mutarama 2020 ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Busogo, Rubengera, Bugarama na Kawangire habonetse imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa muri iki gice cya kabiri.





*Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi k' Ukuboza*

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo


Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu y'igice cya kabiri mu kwezi kwa Mutarama 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi

ibiri n'itandatu (2-6) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 4. Iminsi mike yabaye 2 ku bupimiro bwo ku kibuga cy'indege cya Kigali, iminsi myinshi yabaye 6 ku bupimiro bwa Rubengera. Ku bupimiro bwa Nyagatare niho hatagize umunsi numwe ugira milimetero 0.85.




***Ikarita 3: Umubare w'iminsi y'imvura yaguyemo***

### 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




***Ikarita 4: Ubuhehere bw'ubutaka***


Ikarita ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabiri cya Mutarama 2020 bwa gabanutse cyane bitewe n'ibihe by'ubushyuhe n'izuba byaranze iyi minsi. Ariko nanone turateganya ko ubuhehere buzakomeza kugabanuka mu gice cya gatatu cya Mutarama, bitewe n'uko ibi bihe by'ubushyuhe n'izuba bizakomeza muri iki gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Mutarama 2020.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

### 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ikarita ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari ku kigereranyo gisanzwe; mu majyaruguru y'Iburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 22.2 na 27.7 ahenshi mu gihugu; Bugarama hakaba ariho hashyushye cyane kuko hapimwe dogere selisiyusi 30.9.




*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 12.0 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 19.4 (Bugarama). Amajyaruguru n'Amajyepfo niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ikarita ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya gatatu Mutarama (tariki 21-31) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya kabiri cya Mutarama , hateganyijwe ko igice cya gatatu cya Mutarama kizabonekamo imvura nke cyane. Hateganyijwe imvura ingana na milimetero hagati ya mm5 kugeza ku mm10 mu bice by'Amajyepfo y'Iburengerazuba no mu Majyaruguru y'Iburengerazuba naho ahasigaye hose mu gihugu hateganyijwe imvura nke iri munsi ya milimetero 5.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kugabanuka kw'imvura mu gice cya gatatu cya Mutarama 2020 (tariki 21-31).

Abahinzi barashishikarizwa gukomeza gusarura ndetse banategura imirima yabo bitegura igihembwe cy'ihinga gitaha ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi no ku babungabunga umusaruro mugihe cyo guhunika. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.